**ITEGEKO N°86/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Icyiciro cya mbere: Ikigamijwe, abagengwa n'iri tegeko n'ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**Icyiciro cya 2: Ububasha mu micungire y'abakozi ba Leta**

**Ingingo ya 4: Umuyobozi ufite ububasha**

**Icyiciro cya 3: Igereranya ry'imirimo**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'imirimo**

**UMUTWE WA II: KWINJIZA ABAKOZI MU MIRIMO**

**Ingingo ya 6: Ibishingirwaho mu gutanga umurimo**


**LAW N°86/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE GENERAL STATUTES FOR PUBLIC SERVICE**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Section One: Purpose, scope of this Law and definitions**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Scope of this Law**

**Article 3: Definitions**

**Section 2: Competence in public service management**

**Article 4: Competent authority**

**Section 3: Comparison of jobs**

**Article 5: Job classification**

**CHAPTER II: RECRUITMENT**

**Article 6: Requirements for recruitment**


**LOI N° 86/2013 DU 11/09/2013 PORTANT STATUT GENERAL DE LA FONCTION PUBLIQUE**

**TABLE DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Section première: Objet, champ d'application de la présente loi et définitions**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

**Article 3: Définitions**

**Section 2: Compétence en matière de gestion des agents de l'Etat**

**Article 4: Autorité compétente**

**Section 3: Comparaison des emplois**

**Article 5: Classification des emplois**

**CHAPITRE II: RECRUTEMENT**

**Article 6: Conditions de recrutement**

**Ingingo ya 7: Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta**

**Ingingo ya 8: Uburyo bwo gutanga umurimo**

**Ingingo ya 9: Abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano**

**UMUTWE WA III: IKORWA RY'UMURIMO**

**Icyiciro cya mbere: Itangira ry'umurimo n'igeragezwa ry'umukozi mushya**

**Ingingo ya 10: Indahiro**

**Ingingo ya 11: Uburyo bwo kurahira**

**Ingingo ya 12: Igihe cy'igeragezwa**

**Ingingo ya 13: Irangiza ry'igihe cy'igeragezwa**

**Ingingo ya 14: Ubujurire ku cyemezo cy'igeragezwa**

**Icyiciro cya 2: Igenwa n'iyubahirizwa ry'amasaha y'akazi**

**Ingingo ya 15: Amasaha y'akazi**

**UMUTWE WA IV: UKO UMUKOZI WA**

**Article 7: Requirements for being integrated in the public service**

**Article 8: Recruitment modalities**

**Article 9: Public servants governed by an employment contract**

**CHAPTER III: PERFORMANCE OF DUTIES**

**Section One: Commencement of duties and probation period**

**Article 10: Taking oath**

**Article 11: Mode of taking oath**

**Article 12: Probation period**

**Article 13: Completion of the probation period**

**Article 14: Appeal**

**Section 2: Determination and respect of working hours**

**Article 15: Working hours**

**CHAPTER IV: STATUTORY POSITIONS**

**Article 7: Conditions pour être intégré dans la fonction publique**

**Article 8: Modalités de recrutement**

**Article 9: Agents de l'Etat régis par un contrat de travail**

**CHAPITRE III: EXERCICE DE LA FONCTION**

**Section première: Entrée en fonction et stage probatoire**

**Article 10: Serment**

**Article 11: Modalités de prestation de serment**

**Article 12: Stage probatoire**

**Article 13: Fin du stage probatoire**

**Article 14: Recours relatif à la décision du stage probatoire**

**Section 2: Fixation et application de la durée du travail**

**Article 15: Durée du travail**

**CHAPITRE IV: POSITIONS**

**LETA AGENGWA N'AYA MATEGEKO**

**Icyiciro cya mbere: Aho umukozi wa Leta aherereye**

**Ingingo ya 16: Imihindagurikire y'umwanya w' umukozi wa Leta**

**Akiciro ka mbere: Umukozi wa Leta mu kazi n'ufatwa nk'uri mu kazi**

**Ingingo ya 17: Umukozi wa Leta uri mu kazi**

**Ingingo ya 18: Ubwoko bw'ibiruhuko**

**Ingingo ya 19: Ikiruhuko cy'umwaka**

**Ingingo ya 20: Igihe ntarengwa cyo gufata ikiruhuko cy'umwaka**

**Ingingo ya 21: Ikiruhuko cy'ingoboka**

**Ingingo ya 22: Ikiruhuko cyo kubyara**

**Ingingo ya 23: Umushahara w'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara**

**Ingingo ya 24: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane**
**Ingingo ya 25: Impurirane y'ibiruhuko**

**Ingingo ya 26: Igihe cyo konsa**
**Ingingo ya 27: Ikiruhuko kigufi cy'uburwayi**

**Ingingo ya 28: Ikiruhuko kirekire cy'uburwayi**

**FOR A PUBLIC SERVANT**

**Section One: Position of a public servant**

**Article 16: Mobility of a public servant**

**Sub-section One: Public servant in service and one considered to be in service**

**Article 17: Public servant in service**

**Article 18: Types of leave**

**Article 19: Annual leave**

**Article 20: Deadline for taking annual leave**

**Article 21: Incidental leave**

**Article 22: Maternity leave**

**Article 23: Salary during maternity leave**

**Article 24: Additional leave in case of complication**
**Article 25: Coincidence of leaves**

**Article 26: Breastfeeding period**
**Article 27: Short-term sick leave**

**Article 28: Long-term sick leave**

**STATUTAIRES D'UN AGENT DE L'ETAT**

**Section première: Position d'un agent de l'Etat**

**Article 16: Mobilité d'un agent de l'Etat**

**Sous-section première: Agent de l'Etat en activité et celui considéré comme étant en activité**

**Article 17: Agent de l'Etat en activité**

**Article 18: Types de congé**

**Article 19: Congé annuel**

**Article 20: Date limite de prise de congé annuel**

**Article 21: Congé de circonstance**

**Article 22: Congé de maternité**

**Article 23: Salaire pendant le congé de maternité**

**Article 24: Congé supplémentaire en cas de complication**
**Article 25: Congés coïncidents**

**Article 26: Période d'allaitement**
**Article 27: Congé de maladie de courte durée**

**Article 28: Congé de maladie de longue durée**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 29: Uruhushya** | **Article 29: Authorized absence** | **Article 29: Permission d'absence** |
| **Ingingo ya 30: Iminsi y'ikiruhuko rusange iteganywa n'amategeko** | **Article 30: Official public holidays** | **Article 30: Jours fériés officiels** |
| **Ingingo ya 31: Ubutumwa** | **Article 31: Mission** | **Article 31: Mission** |
| **Ingingo ya 32: Amahugurwa** | **Article 32: Training courses** | **Article 32: Formation** |
| **Akiciro ka 2: Kwimurwa** | **Sub-section 2: Transfer** | **Sous-section 2: Mutation** |
| **Ingingo ya 33: Kwimurwa k'umukozi wa Leta** | **Article 33: Transfer of a public servant** | **Article 33: Mutation d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 34: Guhindura umwanya w'umurimo binyuze mu ipiganwa** | **Article 34: Change of a job position through competition** | **Article 34 : Changement de poste de travail par concours** |
| **Akaciro ka 3: Itizwa** | **Sub-section 3: Secondment** | **Sous-section 3: Détachement** |
| **Ingingo ya 35: Itizwa ry'umukozi wa Leta** | **Article 35: Secondment of a public servant** | **Article 35: Détachement d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 36: Igihe cy'itizwa** | **Article 36: Duration of secondment** | **Article 36: Durée du détachement** |
| **Ingingo ya 37: Kurangiza itizwa** | **Article 37: End of secondment** | **Article 37: Fin du détachement** |
| **Akiciro ka 4: Gushyirwa ahandi** | **Sub-section 4: Placement at another administration disposal** | **Sous-section 4: Mise à la disposition d'un autre service** |
| **Ingingo ya 38: Gushyirwa ahandi** | **Article 38: Placement at another administration disposal** | **Article 38: Mise à la disposition d'un autre service** |
| **Ingingo ya 39: Irangira ryo gushyirwa ahandi** | **Article 39: End of placement at another administration disposal** | **Article 39: Fin de la mise à la disposition d'un autre service** |
| **Akiciro ka 5: Guhagarikwa by'agateganyo** | **Sub-section 5: Suspension from duties** | **Sous-section 5: Suspension des fonctions** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Impamvu z'ihagarikwa ry'agateganyo** | **<u>Article 40</u>: Reasons for suspension from duties** | **<u>Article 40</u>: Motifs de suspension des fonctions** |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Uburenganzira bw'umukozi wahagaritswe by'agateganyo** | **<u>Article 41</u>: Rights of a public servant suspended from duties** | **<u>Article 41</u>: Droits d'un agent de l'Etat suspendu de ses fonctions** |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Igihe ihagarikwa ry'agateganyo rimara** | **<u>Article 42</u>: Period of suspension from duties** | **<u>Article 42</u>: Durée de suspension des fonctions** |
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Ububasha bwo guhagarika umukozi wa Leta by'agateganyo** | **<u>Article 43</u>: Power to suspend a public servant from duties** | **<u>Article 43</u>: Compétence pour suspendre un agent de l'Etat de ses fonctions** |
| **<u>Ingingo ya 44</u>: Irangira ry'ihagarikwa ry'agateganyo** | **<u>Article 44</u>: End of suspension from duties** | **<u>Article 44</u>: Fin de la suspension des fonctions** |
| **<u>Akiciro ka 6:</u> Guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **<u>Sub-section 6:</u> Leave of absence for a specific period** | **<u>Sous-section 6</u>: Mise en disponibilité pour une durée determine** |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **<u>Article 45</u>: Leave of absence for a specific period** | **<u>Article 45</u>: Mise en disponibilité pour une durée determine** |
| **<u>Ingingo ya 46:</u> Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **<u>Article 46</u>: Modalities for leave of absence for a specific period** | **<u>Article 46</u>: Modalités de mise en disponibilité pour une durée déterminée** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Isuzumabushobozi** | **<u>Section 2</u>: Performance appraisal** | **<u>Section 2</u>: Evaluation des performances** |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Isuzumabushobozi ry'abakozi ba Leta** | **<u>Article 47</u>: Public servants' performance appraisal** | **<u>Article 47</u>: Evaluation des performances des agents de l'Etat** |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA, AMASHIMWE N'INSHINGANO Z'UMUKORESHA** | **<u>CHAPTER V</u>: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT, AWARDS AND RESPONSIBILITIES OF THE EMPLOYER** | **<u>CHAPITRE V</u>: DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT, RECOMPENSES ET RESPONSABILITES DE L'EMPLOYEUR** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta** | **<u>Section One</u>: Rights of a public servant** | **<u>Section première</u>: Droits de l'agent de l'Etat** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 48: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta nk'umuturage** | **Article 48: Rights of a public servant as a citizen** | **Article 48: Droits de l'agent de l'Etat en tant que citoyen** |
| **Ingingo ya 49: Uburenganzira kuri dosiye y'akazi** | **Article 49: Right on administrative file** | **Article 49: Droit au dossier administratif** |
| **Ingingo ya 50: Gusaba gutunganya dosiye y'akazi** | **Article 50: Request for updating the professional file** | **Article 50: Demande d'une mise à jour du dossier professionnel** |
| **Ingingo ya 51: Uburenganzira bwo kwinjira mu masendika** | **Article 51: Right to join trade unions** | **Article 51: Liberté d'adhérer à des syndicats** |
| **Ingingo ya 52: Umushahara** | **Article 52: Salary** | **Article 52: Salaire** |
| **Ingingo ya 53: Umushahara mbumbe** | **Article 53: Gross salary** | **Article 53: Salaire brut** |
| **Ingingo ya 54: Imbonerahamwe fatizo y'imishahara** | **Article 54: Salary index grid** | **Article 54: Grille indiciaire de salaire** |
| **Ingingo ya 55: Ibarwa ry'umushahara fatizo** | **Article 55: Calculation of the basic salary** | **Article 55: Calcul du salaire de base** |
| **Ingingo ya 56: Umubare ntarengwa w'ibikurwa ku mushahara** | **Article 56: Maximum deductions from the salary** | **Article 56: Plafond de retenues salariales** |
| **Ingingo ya 57: Ibarwa ry'umushahara** | **Article 57: Calculation of salary** | **Article 57: Calcul du salaire** |
| **Ingingo ya 58: Akanama k'Igihugu gashinzwe imishahara** | **Article 58: National Salary Committee** | **Article 58: Comité National des Salaires** |
| **Ingingo ya 59: Indamunite** | **Article 59: Allowances** | **Article 59: Indemnités** |
| **Ingingo ya 60: Umukozi wa Leta wasigariyeho undi** | **Article 60: Acting public servant** | **Article 60: Agent assurant l'intérim** |
| **Ingingo ya 61: Ubuzime bw'uburenganzira ku mushahara na indamunite** | **Article 61: Prescription of payment of salary and allowances** | **Article 61: Prescription de paiement du salaire et indemnités** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Amashimwe** | **Section 2: Awards** | **Section 2: Récompenses** |
| **Ingingo ya 62: Ishimwe** | **Article 62: Award** | **Article 62: Récompense** |
| **Icyiciro cya 3: Inshingano z'umukoresha** | **Section 3: Responsibilities of the employer** | **Section 3: Responsabilités de l'employeur** |
| **Ingingo ya 63: Amabwiriza ngengamikorere** | **Article 63: Manual of administrative procedures** | **Article 63: Manuel de procédures administratives** |
| **Ingingo ya 64: Ibikoresho n'ibyangombwa** | **Article 64: Equipments** | **Article 64: Matériel** |
| **Ingingo ya 65: Isuku y'aho akazi gakorerwa** | **Article 65: Cleanliness at the workplace** | **Article 65: Propreté du travail** |
| **Ingingo ya 66: Ibikoresho birinda impanuka** | **Article 66: Protection equipments against hazards** | **Article 66: Equipements de protection contre les accidents** |
| **Ingingo ya 67: Umutekano w'umukozi wa Leta** | **Article 67: Safety of a public servant** | **Article 67: Sécurité de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 68: Inyubako n'ibikoresho bidahungabanya ubuzima bw'abakozi ba Leta** | **Article 68: Premises and equipments not detrimental to the health of public servants** | **Article 68: Locaux et équipements ne constituant aucun danger pour la santé des agents de l'Etat** |
| **Ingingo ya 69: Kuvuza umukozi wa Leta** | **Article 69: Healthcare of a public servant** | **Article 69: Soins médicaux de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 70: Imenyekanisha ry'ibyago bikomoka ku kazi** | **Article 70: Declaration of occupational hazards** | **Article 70: Déclaration des accidents de travail** |
| **UMUTWE WA VI: IBISABWA UMUKOZI WA LETA N'IBITABANGIKANA N'IMIRIMO YE** | **CHAPTER VI: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AND INCOMPATIBILITIES** | **CHAPITRE VI: OBLIGATIONS DE L'AGENT DE L'ETAT ET INCOMPATIBILITES** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibisabwa umukozi wa Leta** | **Section One : Obligations of public servant** | **Section première: Obligations de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 71: Inshingano zifitanye isano no** | **Article 71: Obligations related to service** | **Article 71: Obligations en rapport avec la** |

gutunganya umurimo

Ingingo ya 72: Kubungabunga umutungo wa Leta

Ingingo ya 73: Ibanga ry'akazi

Ingingo ya 74: Imyitwarire y'umukozi wa Leta

Icyiciro cya 2: Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta

Ingingo ya 75: Imirimo umukozi wa Leta atemerewe

UMUTWE WA VII: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI N'UBUJURIRE

Icyiciro cya mbere: Ibihano

Ingingo ya 76: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi

Ingingo ya 77: Ikosa

Ingingo ya 78: Uburyozwe bw'ikosa n'uburyozwe bw'icyaha

Ingingo ya 79: Kwisobanura

Ingingo ya 80: Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano

Ingingo ya 81: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi

delivery

Article 72: Preserving public property

Article 73: Professional secrecy

Article 74: Professional conduct of a public servant

Section 2: Incompatibilities with the status of a public servant

Article 75: Activities that a public servant is not allowed to carry out

CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE SANCTIONS AND APPEAL

Section One: Sanctions

Article 76: Categories of administrative sanctions

Article 77: Misconduct

Article 78: Disciplinary liability and criminal liability

Article 79: Defence

Article 80: Application of a sanction

Article 81: Powers to impose administrative sanctions

prestation des services

Article 72: Préserver la chose publique

Article 73: Secret professionnel

Article 74: Ethique professionnelle de l'agent de l'Etat

Section 2: Incompatibilités avec la qualité de l'agent de l'Etat

Article 75: Activités interdites à l'agent de l'Etat

CHAPITRE VII: SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET RECOURS

Section première: Sanctions

Article 76: Catégories des sanctions administratives

Article 77: Faute disciplinaire

Article 78: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale

Article 79: Défense

Article 80: Application de la sanction

Article 81: Pouvoir d'infliger des sanctions administratives

**Ingingo ya 82: Uburyo bw'imihanire y'abakozi ba Leta**

**Icyiciro cya 2: Ubujurire**

**Ingingo ya 83: Uburenganzira bwo kujurira bw'umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 84: Uburyo ubujurire bukorwa**

**Ingingo ya 85: Kuregera inkiko**

**UMUTWE WA VIII: KUVA MU BAKOZI BA LETA**

**Ingingo ya 86: Impamvu zo kuva mu bakozi ba Leta**

**Icyiciro cya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi**

**Ingingo ya 87: Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi**

**Ingingo ya 88: Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kitazwi**

**Ingingo ya 89: Gusubira mu kazi nyuma y'ihagarika ry'akazi mu gihe kitazwi**

**Icyiciro cya 2 : Gusezera burundu ku kazi**

**Ingingo ya 90: Gusaba gusezera burundu ku kazi**

**Article 82: Modalities for imposing disciplinary sanctions to public servant**

**Section 2: Appeal**

**Article 83: Right of a public servant to appeal**

**Article 84: Appeal procedure**

**Article 85: Filing a complaint with the courts of Law**

**CHAPTER VIII: TERMINATION OF EMPLOYMENT OF PUBLIC SERVANT**

**Article 86: Grounds for termination of employment of a public servant**

**Section One: Leave of absence for a non specific period**

**Article 87: Request for leave of absence for non specific period**

**Article 88: Modalities for leave of absence for a non specific period**

**Article 89: Reintegration in the public service after leave of absence for a non specific period**

**Section 2: Deliberate resignation**

**Article 90: Request for deliberate resignation**

**Article 82: Modalités d'application du régime disciplinaire des agents de l'Etat**

**Section 2: Recours**

**Article 83: Droit de recours pour un agent de l'Etat**

**Article 84: Procédure de recours**

**Article 85: Recours devant les juridictions**

**CHAPITRE VIII: CESSATION DEFINITIVE DES FONCTIONS DE L'AGENT DE L'ETAT**

**Article 86: Motifs de cessation définitive des fonctions de l'agent de l'Etat**

**Section première : Mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

**Article 87: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

**Article 88: Modalités de mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

**Article 89: Réintégration dans la fonction publique après la mise en disponibilité pour une durée indéterminée**

**Section 2: Démission volontaire**

**Article 90: Demande de la démission volontaire**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 91: Uburyo bukurikizwa mu gusezera burundu ku kazi** | **Article 91: Modalities for deliberate resignation** | **Article 91: Modalités de démission volontaire** |
| **Ingingo ya 92: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezera burundu ku kazi** | **Article 92: Reintegration in the public service after deliberate resignation** | **Article 92: Réintégration de la fonction publique après une démission volontaire** |
| **Icyiciro cya 3: Gusezerera umukozi wa Leta nta mpaka** | **Section 3: Automatic removal from office of a public servant** | **Section 3: Démission d'office d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 93: Impamvu zo gusezerera umukozi wa Leta nta mpaka** | **Article 93: Grounds for automatic removal from office of a public servant** | **Article 93: Raisons de démission d'office d'un agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 94: Ububasha bwo gusezerera umukozi wa Leta** | **Article 94: Competence to decide automatic removal from office of a public servant** | **Article 94: Compétence de décider la démission d'office de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 95: Ibarwa ry'amafaranga y'imperekeza** | **Article 95: Termination benefits** | **Article 95: Calcul des indemnités de départ** |
| **Ingingo ya 96: Ibyubahirizwa mu gutanga imperekeza** | **Article 96: Requirements for granting of termination benefits** | **Article 96: Conditions pour octroi des indemnités de départ** |
| **Ingingo ya 97: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezererwa ku kazi nta mpaka** | **Article 97: Reintegration in the public service after automatic removal from office** | **Article 97: Réintégration de la fonction publique après la démission d'office** |
| **Icyiciro cya 4: Kwirukanwa burundu no gusubizwa mu kazi k'umukozi wa Leta** | **Section 4: Dismissal and reintegration of a public servant** | **Section 4: Révocation et réintégration de l'agent de l'Etat** |
| **Ingingo ya 98: Kwirukanwa burundu ku kazi kubera ikosa rikomeye** | **Article 98: Dismissal due to gross misconduct** | **Article 98: Révocation pour faute grave** |
| **Ingingo ya 99: Gusubira mu kazi nyuma yo kwirukanwa burundu** | **Article 99: Reintegration of a public servant after dismissal** | **Article 99: Réintégration de l'agent de l'Etat après révocation** |
| **Icyiciro cya 5: Kwemererwa gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru** | **Section 5: Admission to retirement** | **Section 5: Admission à la retraite** |

**Ingingo ya 100: Ikiruhuko cy'izabukuru**

**Ingingo ya 101: Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru**

**Ingingo ya 102: Impamba y'izabukuru**

**Icyiciro cya 5: Urupfu rw'umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 103: Kuva mu bakozi ba Leta bitewe n'urupfu**

**Ingingo ya 104: Impozamarira n'amafaranga y'ishyingura**

**UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**
**Ingingo ya 105: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 106: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 107: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 108: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 100: Retirement**

**Article 101: Retirement age**

**Article 102: Retirement benefits**

**Section 5: Death of a public servant**

**Article 103: Termination of employment of a public servant due to his/her death**

**Article 104: Death allowances and funeral expenses**

**CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**
**Article 105: Transitional period**

**Article 106: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 107: Repealing provision**

**Article 108: Commencement**

**Article 100: Retraite**

**Article 101: Age de la retraite**

**Article 102: Indemnités de mise à la retraite**

**Section 5: Décès d'un agent de l'Etat**

**Article 103: Cessation des fonctions d'un agent de l'Etat suite au décès**

**Article 104: Indemnités de décès et dépenses funéraires**

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
**Article 105: Période transitoire**

**Article 106: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 107: Disposition abrogatoire**

**Article 108: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°86/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA**

Twebwe, **KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 13 Kanama 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 12 Kanama 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 11, iya 37, iya 38, iya 39, iya 45, iya 62**,** iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 112, iya 113**,** iya 118, iya 126, iya 181 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n°22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta;

**LAW N°86/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE GENERAL STATUTES FOR PUBLIC SERVICE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 13 August 2013;

The Senate, in its session of 12 August 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 11, 37, 38, 39, 45, 62**,** 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 112, 113**,** 118, 126, 181 and 201;

Having reviewed Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service;

**LOI N° 86/2013 DU 11/09/2013 PORTANT STATUT GENERAL DE LA FONCTION PUBLIQUE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 13 août 2013;

Le Sénat, en sa séance du 12 août 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 37, 38, 39, 45, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 112, 113**,** 118, 126, 181 et 201;

Revu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Icyiciro cya mbere: Ikigamijwe, abagengwa n'iri tegeko n'ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 2: Abagengwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rigenga abakozi ba Leta bakora ku buryo buhoraho.

Abakozi ba Leta bakora ku buryo bw'amasezerano bagengwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.

Sitati zigenga Abanyapolitiki, Abacamanza n'Abakozi bo mu Nkiko, Abashinjacyaha n'Abakozi bunganira Ubushinjacyaha Bukuru zishyirwaho n'amategeko yihariye.

Iteka rya Perezida rishobora gushyiraho sitati yihariye igenga abakozi bo mu rwego rw'umurimo runaka mu gihe bibaye ngombwa.

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Section One: Purpose, scope of this Law and definitions**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes the General Statutes for Public Service.

**Article 2: Scope of this Law**

This Law shall govern public servants employed on permanent basis.

Public servants subject to employment contracts shall be governed by the Law Regulating Labour in Rwanda.

The Statutes governing political leaders, judges and judicial personnel, Prosecutors and support staff of the National Public Prosecution Authority shall be established by special laws.

A presidential Order may establish a special statutes governing public servants of any given profession where considered necessary.

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Section première: Objet, champ d'application de la présente loi et définitions**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi porte Statut Général de la Fonction Publique.

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi régit les agents de l'Etat exerçant leurs fonctions de façon permanente.

Les agents de l'Etat sous contrats sont régis par la loi portant réglementation du travail au Rwanda.

Les Statuts régissant les mandataires politiques, les juges et le personnel judiciaire, les officiers de poursuite judiciaire et le personnel d'appui de l'Organe National de Poursuite Judiciaire sont établis par des lois particulières.

Un arrêté présidentiel peut, en cas de besoin, déterminer un statut particulier régissant les agents relevant d'une profession donnée.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibi bisobanuro:

1° **icyumweru:** igihe kingana n'iminsi irindwi (7) ikurikiranye y'ingengaminsi;

2° **ikosa rikomeye:** ikosa rikorwa hashingiwe ku buremere bw'icyakozwe, ikitakozwe cyangwa imyitwarire, uburyo byabayemo, ingaruka byateje mu butegetsi bwa Leta, kuri servisi itangwa no ku bo servisi zigenerwa;

3° **imbonerahamwe fatizo y'imishahara**: ishusho igaragaza imibare fatizo iri hamwe ishobora kujyana n'intera n'imyanya y'imirimo bikaba ari byo bishingirwaho mu kubara imishahara fatizo;

4° **imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo**: ishusho yerekana uburyo urwego rwa Leta ruteye hakurikijwe inzego zirugize n'imyanya y'imirimo ijyana na zo, n'ibyo iyo myanya isaba, ndetse n'ibisabwa abakozi bagomba gukora iyo mirimo. Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yerekana ku buryo butaziguye umubare w'imirimo n'imyanya y'imirimo iteganyijwe ku ngengo y'imari, imyanya abakozi barimo n'iyo batarimo;

**Article 3: Definitions**

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **week**: a period of seven (7) consecutive calendar days;

2° **gross misconduct**: a misconduct which depends on the seriousness of the act committed, omission or behaviour displayed, circumstances, impact on public service, service delivered and beneficiaries of service;

3° **salary index grid**: a table showing all indexes likely to be assigned to different grades and job positions, and on the basis of which basic salaries are calculated;

4° **organizational structure:** a table showing the organizational arrangement of a public institution according to its departments, job positions and their related requirements as well as the profile required to filling such job positions. The organisational structure shall accurately indicate the number of jobs and posts provided for in the budget, the number of occupied and vacant posts;

**Article 3: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° **semaine** : une période de sept (7) jours calendriers consécutifs ;

2° **faute grave**: faute commise en fonction de la gravité de l'acte commis, d'une omission ou d'un comportement affiché, des circonstances de leur survenance, de leur impact sur la fonction publique, le service et les bénéficiaires du service ;

3° **grille indiciaire de salaire**: un tableau qui représente l'ensemble des indices pouvant être attachés aux différents grades et postes d'emploi, et à partir desquels les salaires de base sont calculés;

4° **cadre organique** : un tableau qui présente le système d'organisation d'une institution publique, suivant ses unités de service, les postes d'emploi qui s'y rapportent, les conditions requises ainsi que le profil des agents qui doivent y être affectés. Le cadre organique indique de manière précise le nombre d'emplois et de postes d'emploi prévus dans le budget, le nombre de postes occupés et le nombre de postes vacants ;

5° **imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo**: imbonerahamwe yifashishwa mu gotondeka imyanya y'imirimo, hagamijwe kugaragaza uko imyanya irutana no kugena imishahara ijyana na yo;

6° **intera**: uburyo bugaragarira mu nyuguti, mu mibare, cyangwa mu nyuguti n'imibare, bugaragaza ku buryo butaziguye icyiciro cy'umurimo w'umukozi wa Leta, ndetse n'ingazimpagarike n'ingazintambike by'umwanya we;

7° **isesengura ry'umwanya w'umurimo:** uburyo butaziguye kandi bwumvikana neza bwifashishwa mu kugaragaza icyo umwanya w'umurimo usaba by'umwihariko, uburyo ukorwa, imiterere y'ibikorwa biwugize n'uruhare umuntu agira mu kuwutunganya, ndetse n'ibisabwa byose ku muntu wese ushobora gushingwa uwo mwanya w'umurimo;

8° **Komisiyo**: Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta;

9° **Minisitiri:** Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze;

10° **ubutegetsi bwa Leta**: urukomatanye rw'inzego z'imirimo n'abakozi Leta igena kugira ngo bakorere abaturage ;

5° **job classification:** a table used to compare job positions in order to determine their hierarchical value and corresponding salaries;

6° **grade**: a system expressed in letters, figures, or letters and figures accurately showing the employment level of a public servant as well as the vertical and horizontal ranking of his/her job position;

7° **job description:** a mechanism which is accurate and understandable used to indicate particular requirements of the job position, the work conditions, nature of corresponding tasks and responsibilities, role played in performing the work as well as all requirements for the potential holder of such job position;

8° **Commission**: Public Service Commission;

9° **Minister**: the Minister in charge of public service ;

10° **public service**: a whole of public institutions and public servants established by the Government to serve the population;

5° **classification des emplois**: un tableau servant à comparer des postes d'emploi en vue de déterminer leur valeur hiérarchique et des salaires y correspondant;

6° **grade :** un système exprimé en lettres, en chiffres, ou en chiffres et lettres, indiquant de manière précise le niveau d'un emploi d'un agent de l'Etat ainsi que le positionnement vertical et horizontal de son poste d'emploi ;

7° **description de poste**: mécanisme précis et compréhensible servant à indiquer les exigences particulières d'un poste d'emploi, les conditions de travail, la nature des tâches et responsabilités correspondantes, le rôle dans l'accomplissement de ce travail ainsi que toutes les conditions requises pour un éventuel occupant de ce poste;

8° **Commission**: Commission de la Fonction Publique;

9° **Ministre:** Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions ;

10° **fonction publique:** ensemble des institutions publiques et les agents de l'Etat mis en place par l'Etat pour servir la population;

11° **ukwezi:** igihe kingana n'iminsi mirongo itatu (30) ikurikiranye y'ingengaminsi**;**

12° **umubare fatizo**: umubare wuzuye ugaragaza agaciro k'intera y'umukozi wa Leta cyangwa ak'umwanya w'umurimo we, ushingirwaho kugira ngo abarirwe umushahara;

13° **umukozi wa Leta:** umuntu wese ufite umwanya w'akazi uhoraho mu Butegetsi bwa Leta, cyangwa ugengwa n'amasezerano y'akazi kandi agahembwa ku mafaranga akomoka ku mutungo wa Leta;

14° **umurimo**: akazi umuntu akora mu butegetsi bwa Leta. Umurimo ushobora kugirwa n'umwanya umwe cyangwa myinshi;

15° **umushahara**: igihembo gihwanye n'akazi kakozwe n'umukozi wa Leta;

16° **umwanya w'umurimo**: akazi gahabwa umukozi wa Leta umwe gusa kugira ngo yuzuze inshingano zijyanye n'umurimo we;

17° **urwego rw'umurimo:** urukomatanye rw'imirimo ifite ibyo ihuriyeho byerekeranye n'imiterere y'ibikorwa n'uburyo umuntu ahabwa akazi, uko

11° **month:** a period of thirty (30) consecutive calendar days;

12° **index**: is an exact number indicating the value of the grade of a public servant or his/her job position upon which his/her salary is calculated;

13° **public servant**: any person with a permanent job position or working on employment contract in public service and who is paid out of the public funds;

14° **job**: designation given to an activity carried out in public service. A job may be comprised of one or more positions;

15° **salary**: payment made to a public servant to compensate services delivered;

16° **job position**: a single and physical position where a public servant is appointed in order to carry out duties related to his/ her job;

17° **job category**: a set of jobs with similar characteristics such as the nature of tasks and responsibilities, modalities for access, promotion and work conditions.

11° **mois**: une période de trente (30) jours calendriers consécutifs;

12° **indice:** chiffre exact qui indique la valeur du grade de l'agent de l'Etat ou de son poste d'emploi, sur base duquel son salaire est calculé;

13° **agent de l'Etat:** toute personne exerçant un emploi permanent ou régi par un contrat de travail au sein de la fonction publique et rémunérée sur les fonds publics;

14° **emploi:** occupation au sein de la fonction publique; un emploi pouvant être subdivisé en un ou plusieurs postes;

15° **salaire :** la contrepartie du travail fourni par un agent de l'Etat ;

16° **poste d'emploi**: position singulière et physique où un seul agent de l'Etat est placé pour remplir les fonctions liées à son emploi;

17° **catégorie d'emploi :** ensemble des emplois ayant des caractéristiques communes en ce qui concerne la nature des tâches et responsabilités, les

azamurwa mu ntera n'imiterere bwite y'aho akorera.

**Icyiciro cya 2: Ububasha mu micungire y'abakozi ba Leta**

**Ingingo ya 4: Umuyobozi ufite ububasha**

Buri rwego mu butegetsi bwa Leta rugira umuyobozi ufite ububasha bwo gufata icyemezo mu rwego rw 'imicungire y'abakozi ba Leta.

Iteka rya Perezida rigena umuyobozi ufite ububasha n'uburyo ububasha butangwa mu micungire y'abakozi ba Leta.

**Icyiciro cya 3: Igereranya ry'imirimo**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'imirimo**

Imirimo n'imyanya y'imirimo bijyana na buri rwego rw'imirimo mu Butegetsi bwa Leta igaragazwa ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo.
Iteka rya Perezida rishyiraho imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo mu butegetsi bwa Leta.

**UMUTWE WA II: KWINJIZA ABAKOZI MU MIRIMO**

**Ingingo ya 6: Ibishingirwaho mu gutanga umurimo**

Umukozi wa Leta wese ashyirwa mu mwanya

**Section 2: Competence in public service management**

**Article 4: Competent authority**

Every public institution shall have an authority entrusted with competence to make decisions regarding the management of public servants.

A Presidential Order shall determine the competent authority and modalities of authority delegation as regards the management of public servants.

**Section 3: Comparison of jobs**

**Article 5: Job classification**

Jobs and related positions as well as each job category in the public service shall appear in the job classification table.

A Presidential Order shall determine the job classification table in public service.

**CHAPTER II: RECRUITMENT**

**Article 6: Requirements for recruitment**

Each public servant shall be appointed to a job

modalités d'accès, de promotion et les conditions de travail.

**Section 2: Compétence en matière de gestion des agents de l'Etat**

**Article 4: Autorité compétente**

Chaque institution publique dispose d'une autorité habilitée à prendre des décisions dans le cadre de gestion des agents de l'Etat.

Un arrêté présidentiel détermine l'autorité compétente et les modalités de délégation de pouvoir en matière de gestion des agents de l'Etat.

**Section 3: Comparaison des emplois**

**Article 5: Classification des emplois**

Les emplois et les postes d'emplois qui s'y rapportent et chaque catégorie d'emploi au sein de la fonction publique sont indiqués dans le tableau de classification des emplois.
Un arrêté présidentiel établit le tableau de classification des emplois de la fonction publique.

**CHAPITRE II: RECRUTEMENT**

**Article 6: Conditions de recrutement**

Tout agent de l'Etat est affecté à un poste

w'umurimo hakurikijwe urwego rw'umurimo uwo mwanya uteganyijwemo ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo.

Gutanga umurimo mu butegetsi bwa Leta bikorwa gusa iyo:

1° uwo murimo ufite umwanya umwe cyangwa myinshi idafite abantu bayirimo kandi yasesenguwe nk'uko bisobanurwa mu agace ka 7° k'ingingo ya 3 y'iri tegeko;

2° uwo mwanya w'murimo wateganyirijwe amafaranga ku ngengo y'imari ya Leta.

**Ingingo ya 7: Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta**

Kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi ba Leta agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari umunyarwanda;

2° kuba agejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

3° kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo cy'amezi atandatu (6) gusubiza hejuru;

4° kuba atarirukanwe burundu ku kazi ko mu butegetsi bwa Leta;

5° kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta;

position whose level is indicated in the job classification table.

Recruitment in Public Service shall be carried out only if:

1° the job contains one or more vacant job positions described in accordance with point 7° of Article 3 of this Law;

2° the job position was budgeted for.

**Article 7: Requirements for being integrated in public service**

For a person to be integrated in Public Service, he/she must fulfil the following requirements:

1° to be rwandan;

2° to be at least eighteen (18) years old;

3° not to have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

4° not to have been dismissed definitively from public service;

5° not to appear on black list of public service;

d'emploi dont le niveau est indiqué dans le tableau de classification des emplois.

Il ne peut y avoir de recrutement à un emploi dans la fonction publique que si:

1° cet emploi contient un ou plusieurs postes d'emploi vacants décrits conformément au point 7° de l'article 3 de la présente loi;

2° cet emploi est budgétisé.

**Article 7: Conditions pour être intégré dans la fonction publique**

Pour être intégré dans la Fonction Publique, il faut remplir les conditions suivantes:

1° être de nationalité rwandaise ;

2° être âgé d'au moins dix-huit (18) ans;

3° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois;

4° n'avoir pas définitivement été révoqué de la fonction publique;

5° ne pas figurer sur la liste noire des agents de l'Etat;

6° kuba adakurikiranwaho icyaha cya jenoside;

7° kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo.

Ibindi byangombwa bisabwa biteganywa n'iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba Leta.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Uburyo bwo gutanga umurimo**

Itangwa ry'umurimo mu butegetsi bwa Leta rikorwa hakoreshejwe ipiganwa cyangwa gushyirwaho n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Iteka rya Perezida rigena uburyo bukurikizwa mu gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba Leta.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano**

Abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano y'akazi ni aba bakurikira :

1° abasimbura by'agateganyo abakozi ba Leta badahari kubera impamvu ziteganywa n'amategeko ;

2° abakora imirimo yihutirwa

6° not to be prosecuted for the crime of genocide;

7° not to have been sentenced for the crime of genocide or genocide ideology and other related offenses .

Other requirements shall be determined by a Presidential Order governing modalities for the recruitment, appointment and nomination of public servants.

**<u>Article 8</u>: Recruitment modalities**

The recruitment in Public Service shall be carried out through competition or nomination by a competent authority.

A Presidential Order shall govern modalities for the recruitment, appointment and nomination of public servants.

**<u>Article 9</u>: Public servants governed by employment contracts**

Civil servants governed by employment contracts shall be the following:

1° those who temporarily replace public servants who are absent due to reasons provided for by Law;

2° those who perform urgent duties which

6° ne pas être poursuivi pour crime de génocide;

7° n'avoir pas été condamné pour crime de génocide ou crime d'idéologie du génocide et autres infractions connexes.

Les autres conditions sont déterminées par arrêté présidentiel déterminant les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'Etat.

**<u>Article 8:</u> Modalités de recrutement**

Le recrutement au sein de la fonction publique se fait par concours ou nomination par une autorité compétente.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'Etat.

**<u>Article 9</u>: Agents de l'Etat régis par des contrats de travail**

Les agents de l'Etat régis par des contrats de travail sont les suivants:

1° les remplaçants temporaires des agents de l'Etat absents pour des motifs prévus par la loi;

2° ceux prestant des services urgents qui

idateganyijwe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ;

3° abakora imirimo idafitiwe abahanga bahagije kandi bakenewe cyane ku isoko ry'umurimo.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo abakozi bavugwa muri iyi ngingo bashakwa.

**UMUTWE WA III: IKORWA RY'UMURIMO**

**Icyiciro cya mbere: Itangira ry'umurimo n'igeragezwa ry'umukozi mushya**

**Ingingo ya 10: Indahiro**

Mbere yo gutangira imirimo, Umukozi wa Leta agomba kurahirira imbere y'Umuyobozi ubifitiye ububasha muri aya magambo:

*"Jyewe,……………………………….., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*

*1° ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;*

*2° ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;*

*3° ko nzubaha Inzego za Leta ;*

*4° ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe, nubahiriza uburenganzira bw'abagenerwa*

are not provided for in the organizational structure;

3° those who perform duties that do not have enough experts and who are highly needed on the labour market.

An Order of the Minister shall determine modalities of recruitment of public servants mentioned in this Article.

**CHAPTER III: PERFORMANCE OF DUTIES**

**Section One: Commencement of duties and probation period**

**Article 10: Taking oath**

Before commencing his/her duties, each public servant shall take oath, in presence of the competent authority in the following words:

*"I, …………………………solemnly swear to the Nation that I shall:*

*1° remain loyal to the Republic of Rwanda;*

*2° uphold the Constitution and other laws;*

*3° respect Government institutions;*

*4° diligently fulfil the responsibilities entrusted to me and respect rights of all*

ne sont pas prévus au cadre organique ;

3° ceux exerçant des services n'ayant pas des experts suffisants et rares sur le marché du travail.

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de recrutement du personnel visé au présent article.

**CHAPITRE III: EXERCICE DE LA FONCTION**

**Section première: Entrée en fonction et stage probatoire**

**Article 10: Serment**

Avant d'entrer en fonction, tout agent de l'Etat doit prêter serment, en présence de l'autorité compétente, en ces mots:

*"Moi, ……………………… je jure solennellement à la Nation:*

*1° de garder fidélité à la République du Rwanda;*

*2° d'observer la Constitution et les autres lois;*

*3° de respecter les institutions de l'Etat;*

*4° de remplir loyalement les fonctions qui me sont confiées et de respecter les droits de*

*serivisi bose;*

*5° ko nzakoresha ukuri mu kazi, kandi ko ntazamena ibanga ry'akazi.*

*Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.*

*Imana ibimfashemo".*

**Ingingo ya 11: Uburyo bwo kurahira**

**<u>Article 42</u>: Durée de suspension des fonctions**

La durée de suspension des fonctions ne peut excéder six (6) mois.

**Ingingo ya 43: Ububasha bwo guhagarika umukozi wa Leta by'agateganyo**

Ihagarikwa ry'agateganyo ku kazi ryemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha w'urwego umukozi uhagarikwa akoramo.

**Ingingo ya 44: Irangira ry'ihagarikwa ry'agateganyo**

Ihagarikwa ry'agateganyo ku kazi ry'umukozi wa Leta rirangira iyo:

1° umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 1° k'ingingo ya 40 y'iri tegeko asubijwe mu kazi kubera ko agizwe umwere cyangwa akatiwe igifungo kiri munsi y'amezi atandatu (6) kandi atarasezererwa nta mpaka;

2° umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 2° k'ingingo ya 40 y'iri tegeko, asubijwe mu kazi ;

3° umukozi wa Leta abonewe umurimo mu butegetsi bwa Leta mu gihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo rishingiye ku mpamvu zivugwa mu gace ka 3° n'aka 4 tw'ingingo ya 40 y'iri tegeko;

4° yirukanwe cyangwa asezerewe nta mpaka mu bakozi ba Leta.

**Article 43: Power to suspend a public servant from duties**

Suspension from duties of a public servant shall be approved by the competent authority of his/her employing institution.

**Article 44: End of suspension from duties**

The suspension from duties of a public servant shall come to an end if:

1° the public servant referred to in point 1° of Article 40 of this Law, is reinstated as result his/her acquittal or an imprisonment of less than six (6) months when he/she has not been automatically removed from office;

2° the public servant referred to in point 2° of Article 40 of this Law, is reinstated;

3° the public servant is offered another post in public service in case of suspension from duties based on reasons provided for in points 3° and 4° of Article 40 of this Law ;

4° he/she is dismissed or automatically removed from office.

**Article 43: Compétence pour suspendre un agent de l'Etat de ses fonctions**

La suspension de fonction de l'agent de l'Etat est approuvée par l'autorité compétente de l'institution qui l'emploie.

**Article 44: Fin de la suspension des fonctions**

La suspension des fonctions de l'agent de l'Etat prend fin si:

1° l'agent de l'Etat visé au point 1° de l'article 40 de la présente loi, est rétabli dans ses fonctions suite à l'acquittement ou condamnation d'une peine d'emprisonnement de moins de six (6) mois alors qu'il n'a pas été démis d'office;

2° l'agent de l'Etat visé au point 2° de l'article 40 de la présente loi, est rétabli dans ses fonctions;

3° l'agent de l'Etat obtient un autre poste au sein de la fonction publique pour la suspension des fonctions due aux raisons visées aux points 3° et 4° de l'article 40 de la présente loi,

4° il est révoqué ou démis d'office de ses fonctions.

**Akiciro ka 6: Guhagarika akazi mu gihe kizwi**

**Ingingo ya 45: Guhagarika akazi mu gihe kizwi**

Guhagarika akazi mu gihe kizwi ni igihe Umukozi wa Leta yemererwa guhagarika imirimo ye mu gihe kizwi kubera impamvu zikurikira:

1° igihe kitarenze amezi atatu (3) kubera kurwaza uwo bashakanye byemewe n'amategeko, umubyeyi cyangwa umwana w'umukozi ku gisanira cya mbere;

2° igihe kitarenze ukwezi kumwe (1) kubera guherekeza uwo bashakanye byemewe n'amategeko, wimukiye mu mahanga kubera impamvu z'akazi.

Umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kizwi ntagira uburenganzira ku mushahara n'ibindi yagenerwaga mu rwego rw'akazi.

Iyo igihe cy'ihagarika ry'akazi mu gihe kizwi kirangiye umukozi wa Leta asubira mu mwanya w'umurimo yakoragaho. Umukozi wa Leta utagarutse nyuma y'igihe cyagenwe kandi nta mpamvu izwi afatwa nk'uwataye akazi.

**Sub-section 6: Leave of absence for a specific period**

**Article 45: Leave of absence for a specific period**

Leave of absence for a specific period is a situation where a public servant is authorized to stop working for a specific period of time due to any of the following reasons:

1° a period not exceeding three (3) months to care for his/her sick spouse, parent or child in the first degree;

2° a period not exceeding one (1) month to accompany his/her spouse who has to live abroad for reasons of service.

A public servant authorized for leave of absence for a specific period shall not be entitled to his/her salary and fringe benefits.

When the period for leave of absence for a specific period comes to an end, the public servant shall resume his/her duties. A public servant who does not resume his/her duties after the expiry of such a period shall be considered as deserter.

**Sous-section 6: Mise en disponibilité pour une durée déterminée**

**Article 45: Mise en disponibilité pour une durée déterminée**

La mise en disponibilité pour une durée déterminée est une situation dans laquelle un agent de l'Etat est autorisé à suspendre ses fonctions pour une période déterminée pour l'une des raisons suivantes:

1° une durée de trois (3) mois au maximum en vue de s'occuper de son conjoint, de son parent ou de son enfant au premier degré qui est maladie;

2° une durée d'un (1) mois au maximum en vue de tenir compagnie à son conjoint qui doit aller s'établir à l'étranger pour des raisons de service.

Un agent de l'Etat autorisé à la mise en disponibilité pour une durée déterminée n'a pas droit au salaire et à d'autres avantages liés au service.

Lorsque la durée de la mise en disponibilité pour une durée déterminée se termine, l'agent de l'Etat reprend son poste. Un agent de l'Etat qui ne reprend pas son poste après l'expiration du délai prévu est pris comme déserteur.

**Ingingo ya 46: Uburyo bukurikizwa mu guhagarika akazi mu gihe kizwi**

Guhagarika akazi mu gihe kizwi bikorwa mu nyandiko yohererezwa umuyobozi ubifitiye ububasha, kandi umukozi akabihererwa icyemezo cy'iyakira.

Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kutemerera umukozi wa Leta guhagarika akazi mu gihe kizwi kubera inyungu z'akazi.

Umukozi wa Leta usabye guhagarika akazi mu gihe kizwi aba agumye ku mirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo cyerekeranye n'ibyo yasabye.

Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye umunsi umuyobozi ubifiye ububasha yaboneyeho ibaruwa ibisaba, kandi umukozi wa Leta atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kizwi bifatwa ko byemewe.

**Icyiciro cya 2: Isuzumabushobozi**

**Ingingo ya 47: Isuzumabushobozi ry'abakozi ba Leta**

Isuzumabushobozi rigamije kugaragariza ubuyobozi imiterere y'umukozi wa Leta, ubushobozi bwe n'ukuntu akora. Ni ryo rishingirwaho kugira ngo umukozi wa Leta agire uburenganzira bwo kuva mu cyiciro cy'ingazintambike ajya mu kindi no kuzamurirwa umushahara buri myaka itatu.

**Article 46: Modalities for leave of absence for a specific period**

Leave of absence for a specific period shall be done by written notification to the competent authority against acknowledgment of receipt.

The competent authority may not grant a leave of absence for a specific period to a public servant in the interest of the service.

A public servant applying for leave of absence for a specific period shall continue to discharge his/her duties until the response to his/her application.

However, if no written response is given to the public servant's application after the expiry of fifteen (15) days from the receipt of the application by the competent authority, the leave of absence for a specific period shall be considered as granted.

**Section 2: Performance appraisal**

**Article 47: Public servants' performance appraisal**

The performance appraisal shall aim, for the Administration, to clarify the public servant's value, his/her professional abilities and methods of work. It shall form the essential basis for assessing his/her right to promotion in horizontal scale, and to salary increase every three (3) years.

**Article 46: Modalités de mise en disponibilité pour une durée déterminée**

La mise en disponibilité pour une durée déterminée se fait par notification écrite adressée à l'autorité compétente contre accusé de réception.

L'autorité compétente peut ne pas accorder la mise en disponibilité pour une durée déterminée à un agent de l'Etat dans l'intérêt du service.

Un agent de l'Etat qui demande la mise en disponibilité pour une durée déterminée reste en service jusqu'à la réponse sur sa demande.

Toutefois, si l'agent de l'Etat ne reçoit pas une réponse écrite à sa demande après l'expiration d'un délai de quinze (15) jours à compter de la remise de sa demande à l'autorité compétente, la mise en disponibilité pour une durée déterminée est réputée acceptée.

**Section 2: Evaluation des performances**

**Article 47: Evaluation des performances des agents de l'Etat**

L'évaluation des performances a pour but d'éclairer l'administration sur la valeur de l'agent de l'Etat, ses aptitudes professionnelles et sa manière de servir. Elle constitue la base essentielle de la détermination de son droit à l'avancement d'échelon horizontal et à l'augmentation du salaire tous les trois (3) ans.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho uburyo bw'isuzumabushobozi n'ibijyana na ryo.

A Prime Minister's Order shall determine modalities for performance appraisal and related benefits.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités d'évaluation des performances et les avantages y relatifs.

**UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA, AMASHIMWE N'INSHINGANO Z'UMUKORESHA**

**CHAPTER V: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT, AWARDS AND RESPONSIBILITIES OF THE EMPLOYER**

**CHAPITRE V: DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT, RECOMPENSES ET RESPONSABILITES DE L'EMPLOYEUR**

**Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta**

**Section One: Rights of a public servant**

**Section première: Droits de l'agent de l'Etat**

**Ingingo ya 48: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta nk'umuturage**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira n'ubwisanzure nk'ubw'abandi baturage bose. Abukoresha hakurikijwe amategeko n'andi mabwiriza yubahirizwa mu gihugu.

**Article 48: Rights of a public servant as a citizen**

A public servant shall enjoy the rights and freedoms as other citizens. He/she shall exercise them in accordance with laws and regulations in force in the country.

**Article 48: Droits de l'agent de l'Etat en tant que citoyen**

L'agent de l'Etat jouit des droits et libertés reconnus aux autres citoyens. Il les exerce conformément aux lois et règlements en vigueur.

**Ingingo ya 49: Uburenganzira kuri dosiye y'akazi**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kugira dosiye ye bwite y'akazi yuzuye ibitswe n'ubutegetsi bwa Leta igaragaza imikorere n'imyitwarire ye mu kazi, umwirondoro wuzuye n'ibindi byangombwa asabwa mu gihe yinjizwa mu kazi.

**Article 49: Right on administrative file**

The public servant shall be entitled to have an administrative file kept by the administration, containing all documents related to his/her professional performance and conduct, his/her detailed Curriculum Vitae and other required documents for recruitment.

**Article 49: Droit au dossier administratif**

L'agent de l'Etat a droit à un dossier administratif personnel complet tenu par la fonction publique et contenant toutes les pièces relatives à ses performances et sa conduite professionnelle, curriculum vitae et autres pièces requises au moment de son entrée en fonction.

**Ingingo ya 50: Gusaba gutunganya dosiye y'akazi**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo

**Article 50: Request for updating the professional file**

A public servant shall enjoy the right of access

**Article 50: Demande d'une mise à jour du dossier administratif**

L'agent de l'Etat jouit du droit d'accès à son

kumenya ibikubiye muri dosiye ye y'akazi kandi ashobora gusaba mu nyandiko ko ibikubiyemo bitunganywa**.**

to his/her personal administrative file and may request, in writing, the administration for updating it.

dossier administratif personnel et peut, par écrit, demander à l'administration, sa mise à jour.

**Ingingo ya 51: Uburenganzira bwo kwinjira mu masendika**

Uretse abayobozi bo mu rwego rwa politiki n'abakozi ba Leta bo mu nzego z'umutekano, abakozi ba Leta bashobora kwinjira muri sendika bihitiyemo.

**Article 51: Right to join trade unions**

Apart from political leaders and public servants of security related services, public servants may join any trade union of their choice.

**Article 51: Liberté d'adhérer à des syndicats**

A l'exception des mandataires politiques et des agents des services de sécurité, les agents de l'Etat peuvent adhérer à un syndicat de leur choix.

**Ingingo ya 52: Umushahara**

Umukozi wa Leta afite uburenganzira ku mushahara.

Umushahara ugenwa hakurikijwe imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo.

Umushahara ushingira ku buremere bw'umurimo, ntushingira ku muntu uwukora. Amahame agenderwaho mu igena ryawo ateye kimwe hose kandi agomba kubahirizwa kimwe hose mu butegetsi bwa Leta.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Leta.

**Article 52: Salary**

A public servant shall be entitled to a salary.

A salary is calculated in accordance with the job classification table.

Salary shall be based on the weight of the work done and not the person performing it. The principles of its determination shall be uniform and must be respected across the entire public service.

A Prime Minister's Order shall determine salaries and fringe benefits granted to public servants.

**Article 52: Salaire**

Un agent de l'Etat a droit au salaire.

Le salaire est calculé sur base du tableau de classification des emplois.

Le salaire est en fonction de l'ampleur de l'emploi exercé et non de la personne qui l'occupe. Les principes de sa détermination sont uniformes et doivent être respectés au même titre partout dans la fonction publique.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les salaires et autres avantages accordés aux agents de l'Etat.

**Ingingo ya 53: Umushahara mbumbe**

Umushahara mbumbe ugenerwa umukozi wa Leta ugizwe n'umushahara fatizo, hiyongereyeho indamunite y'icumbi n'iy'urugendo, amafaranga

**Article 53: Gross salary**

Gross salary for a public servant shall be composed of the basic salary plus housing, transport, medical and social security

**Article 53: Salaire brut**

Le salaire brut d'un agent de l'Etat est constitué du salaire de base augmenté des indemnités de logement et de transport, des frais médicaux et

yo kwivuza n'ay'ubwiteganyirize.

Iyo umukozi wa Leta yoroherejwe na Leta ku bijyanye n'icumbi n'urugendo, indamunite zijyanye na byo ntizibarirwa mu mushahara mbumbe, zisimbuzwa indamunite y'uburemere bw'umurimo.

**Ingingo ya 54: Imbonerahamwe fatizo y'imishahara**

Iteka rya Perezida rishyiraho imbonerahamwe fatizo y'imishahara.

**Ingingo ya 55: Ibarwa ry'umushahara fatizo**

Umushahara fatizo ungana nibura na mirongo irindwi ku ijana (70%) by'umushahara mbumbe. Ubarwa hafashwe umubare fatizo bakawukuba n'agaciro k'umubare fatizo.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho agaciro k'imibare fatizo ikoreshwa mu butegetsi bwa Leta.

**Ingingo ya 56: Umubare ntarengwa w'ibikurwa ku mushahara**

Gukuraho amafaranga, ifatiratambama cyangwa gukuraho amafaranga ku bushake bw'umukozi wa Leta, ntibishobora kurenza kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara we bwite.

allowances.

In case a public servant is facilitated in housing and transport, allowances related thereto shall not be included in the gross salary. They shall be replaced by service allowance.

**Article 54: Salary index grid**

A Presidential Order shall determine the salary index grid.

**Article 55: Calculation of the basic salary**

The basic salary shall be equivalent to at least seventy per cent (70%) of the gross salary. It shall be calculated by multiplying the index by the index value.

A Prime Minister's Order shall fix the index value applicable in public service.

**Article 56: Maximum deductions from the salary**

Deductions from salary, seizure by garnishment or deductions upon consent of the public servant can not exceed half (1/2) of his/her net salary.

de sécurité sociale.

Lorsque l'agent de l'Etat jouit des facilités de logement et de transport, les indemnités y afférentes ne sont pas comprises dans son salaire brut. Elles sont remplacées par l'indemnité de fonction.

**Article 54: Grille indiciaire de salaire**

Un arrêté présidentiel détermine la grille indiciaire de salaire.

**Article 55: Calcul du salaire de base**

Le salaire de base constitue au moins soixante-dix pour cent (70%) du salaire brut. Il est calculé en multipliant l'indice par la valeur indiciaire.

Un arrêté du Premier Ministre fixe la valeur indiciaire applicable dans la fonction publique.

**Article 56: Plafond de retenues salariales**

Les retenues, la saisie-arrêt ou la cession volontaire du salaire ne peuvent aller au delà de la moitié (1/2) du salaire net de l'agent de l'Etat.

**Ingingo ya 57: Ibarwa ry'umushahara**

Umushahara w'umukozi wa Leta utangira kubarwa guhera ku munsi yatangiriyeho akazi kandi ugahagarikwa bukeye bw'umunsi yahagarikiyeho akazi.

Iyo umushahara w'ukwezi udatangiwe rimwe wose, ugabanywamo iminsi mirongo itatu (30) maze ugatangwa hakurikijwe iminsi umukozi wa Leta yakoze.

**Ingingo ya 58: Akanama k'Igihugu gashinzwe imishahara**

Hashyizweho Akanama k'Igihugu gashinzwe ikurikirana n'ivugururwa ry'imishahara no kugira inama Guverinoma mu kuyivugurura igihe cyose bibaye ngombwa.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere n'imikorere y'Akanama k'Igihugu gashinzwe ikurikirana n'ivugururwa ry'imishahara.

**Ingingo ya 59: Indamunite**

Indamunite zigize uduce tw'umushahara mbumbe Leta itanga kugira ngo yunganire abakozi bayo.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho ibigenderwaho n'uburyo bukurikizwa mu igenwa rya indamunite z'abakozi ba Leta.

**Article 57: Calculation of salary**

The salary of a public servant shall be calculated from the date of commencement of duties and suspended on the date following his/her termination of duties.

When the monthly salary is not wholly due, it shall be divided in thirtieths and paid up to the payable number of days worked.

**Article 58: National Salary Committee**

It is hereby established a National Salary Committee responsible for monitoring and adjusting the salaries and advising the Government to adjust them whenever necessary.

A Prime Minister's Order shall determine the organization and the functioning of the National Salary Committee.

**Article 59: Allowances**

Allowances shall constitute gross salary elements paid by the Government to support its employees.

A Prime Minister's Order shall determine the criteria and the modalities for determination of allowances of public servants.

**Article 57: Calcul du salaire**

Le traitement de l'agent de l'Etat commence à être calculé dès son entrée en service et est suspendu le lendemain du jour de cessation de service.

Lorsque le salaire du mois n'est pas dû entièrement, il est fractionné en trentièmes et il est liquidé à concurrence du nombre de jours prestés.

**Article 58: Comité National des Salaires**

Il est institué un Comité National des Salaires chargé du suivi et de la révision des salaires et de conseiller le Gouvernement sur leur révision, le cas échéant.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organisation et le fonctionnement du Comité National des Salaires.

**Article 59: Indemnités**

Les indemnités constituent les éléments du salaire brut au titre des contributions de l'Etat vis-à-vis de ses agents.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les critères et les modalités de fixation des indemnités des agents de l'Etat.

**Ingingo ya 60: Umukozi wa Leta wasigariyeho undi**

Mu gihe umukozi wa Leta afite impamvu imubuza kuba ku kazi, Umuyobozi ubifitiye ububasha amusimbuza undi by'agateganyo.

Umukozi wa Leta umaze iminsi irenga mirongo itatu (30) asigariyeho undi ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya w'uwo yasigariyeho.

Ibyo umukozi wa Leta usigariyeho undi ahabwa bitangira kubarwa kuva ku munsi wa mirongo itatu n'umwe (31) w'ubusigire.

**Ingingo ya 61: Ubuzime bw'uburenganzira ku mushahara na indamunite**

Umushahara na indamunite iyo bimaze imyaka ibiri (2) bitarishyuzwa mu nyandiko ntibiba bikishyujwe. Icyo gihe gitangira kubarwa guhera umunsi umukozi wa Leta yagombaga kubiherwaho.

Icyakora, igihe cy'ubuzime bw'uburenganzira ku mushahara na indamunite gihagarikwa n'uko:

1° umukoresha yakoze umubaruro w'ibyo agomba guha umukozi;

2° umukoresha n'umukozi bemeranijwe ko ari umwenda;

**Article 60: Acting public servant**

In case a public servant has a reason for not being on duty, the competent authority shall temporarily determine another public servant to replace him/her.

A public servant in an acting position for more than thirty (30) days shall be entitled to the salary and other monthly fringe benefits in relation to the acting position.

The salary and fringe benefits for an acting public servant shall be calculated from the thirty first (31st) day in the acting position.

**Article 61: Prescription of payment of salary and allowances**

Prescription of payment of salary and allowances shall be of two (2) years. This prescription time limit shall be counted as of the date on which the public servant had to receive them.

However, the time limit prescription of payment of salary and allowances shall cease from running:

1° where the employer has computed all due payments,

2° the employer has agreed with the public servant that the payments are the debt;

**Article 60: Agent assurant l'intérim**

Lorsqu'un agent de l'Etat a un motif le rendant indisponible au service, l'autorité compétente procède à son replacement provisoire par un autre agent.

L'agent de l'Etat qui assure l'intérim au-delà de trente (30) jours est en droit de jouir du salaire et d'autres avantages mensuels inhérents au poste d'intérim.

Le salaire et les avantages à accorder à un agent de l'Etat qui assure l'intérim sont calculés à partir du trente et unième (31ème) jour d'intérim.

**Article 61: Prescription de paiement du salaire et indemnités**

L'action en paiement du salaire et indemnités se prescrit par deux (2) ans. Cette prescription court à partir de la date à laquelle ils sont exigibles.

Toutefois, le délai de l'action en paiement du salaire et indemnités cessera de courir lorsque :

1° l'employeur a calculé tous les paiements qu'il doit à l'employé ;

2° l'employeur a convenu avec l'employé que les paiements constituent la dette ;

3° ikirego cy'umukozi kiri mu rwego rubifitiye ububasha cyangwa urubanza ruri mu rukiko hataratangwa umwanzuro wabyo.

3° where the public servant's case is pending before competent institution or before the court.

3° la plainte de l'employé est pendante devant une institution compétente ou devant la juridiction.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Amashimwe**

**<u>Section 2:</u> Awards**

**<u>Section 2</u>: Récompenses**

**<u>Ingingo ya 62</u>: Ishimwe**

**<u>Article 62:</u> Award**

**<u>Article 62</u>: Récompense**

Ishimwe rigize igihembo gihabwa umukozi wa Leta mu rwego rwo kumushimira by'umwihariko kubera ibikorwa byiza cyangwa imyitwarire myiza kandi bidasanzwe yagaragaje mu mirimo ye.

An award shall be granted to a public servant in recognition for his/her exceptional great performance or good conduct on duties.

Une récompense est accordée à un agent de l'Etat en reconnaissance pour sa performance et sa bonne conduite au travail exceptionnellement excellentes.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ibyubahirizwa mu itangwa ry'amashimwe, ubwoko bwayo n'uburyo atangwa.

A Prime Minister's Order shall determine requirements for granting awards, their types, and the procedure of granting them.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les exigences relatives à l'octroi des récompenses, leur nature et la procédure de leur octroi.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Inshingano z'umukoresha**

**<u>Section 3</u>: Responsibilities of the employer**

**<u>Section 3</u>: Responsabilités de l'employeur**

**<u>Ingingo ya 63</u>: Amabwiriza ngengamikorere**

**<u>Article 63</u>: Manual of administrative procedures**

**<u>Article 63:</u> Manuel de procédures administratives**

Umukoresha agomba guha umukozi wa Leta utangiye akazi inyandiko ikubiyemo amabwiriza ngengamikore y'urwego bireba.

The employer must provide any recruited public servant with a manual of administrative procedures of the concerned institution.

L'employeur doit donner un document contenant le manuel de procédures administratives de l'institution concernée à tout agent de l'Etat dès son entrée en service.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho imiterere y'amabwiriza ngengamikorere mu butegetsi bwa Leta.

A Prime Minister's Order shall determine the structure of the Manual of Administrative Procedures in public service.

Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure du manuel des procédures administratives dans la fonction publique.

**Ingingo ya 64: Ibikoresho n'ibyangombwa**

Umukoresha afite inshingano zo guha umukozi wa Leta ibikoresho n'ibyangombwa nkenerwa kugira ngo abashe kurangiza inshingano ze.

**Ingingo ya 65: Isuku y'aho akazi gakorerwa**

Aho akazi gakorerwa hagomba kurangwa n'isuku kandi hakagira ibikoresho byabugenewe n'uburyo bwo kurinda umutekano ku kazi n'ubuzima bw'umukozi kimwe no kumurinda impanuka.

Umukoresha agomba kwigisha umukozi wa Leta uburyo bwo kurinda ubuzima n'umutekano ku kazi.

**Ingingo ya 66: Ibikoresho birinda impanuka**

Leta igomba guha umukozi wayo ibikoresho bya ngombwa byo kurinda ubuzima bwe ku kazi, ikanagenzura uko bikoreshwa. Igomba kugira uburyo bwo kurinda impanuka ku kazi.

**Ingingo ya 67: Umutekano w'umukozi wa Leta**

Leta ifite inshingano yo kubungabunga umutekano w'umukozi, imurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose mu gihe ari mu kazi cyangwa mu gihe cyose bigaragaye ko azira kurangiza

**Article 64: Equipments**

The employer shall provide to the public servant, the necessary equipments permitting him/her to carry out his/her duties.

**Article 65: Cleanliness at the workplace**

The workplace should always be kept clean and equipped with hygiene facilities and means for safety and health protection as well as for hazards prevention.

The employer must educate the public servant on health and safety measures at workplace.

**Article 66: Protection equipments against hazards**

The Government must put at the disposal of its public servant all necessary and appropriate protection equipments at workplace and ensure their appropriate use. It must possess security means against hazards at workplace.

**Article 67: Safety of a public servant**

The Government shall have the obligation to guarantee to its employee the protection against any type of violence at workplace during the fulfilment of his/her duties or at anytime it is

**Article 64: Matériel**

L'employeur est tenu de mettre à la disposition de l'agent de l'Etat, le matériel nécessaire lui permettant d'accomplir ses fonctions.

**Article 65: Propreté du lieu de travail**

Le lieu du travail doit toujours être tenu dans un état de propreté, disposer du matériel de propreté approprié et présenter les conditions favorables pour assurer la sécurité et la santé du personnel ainsi que pour prévenir des accidents.

L'employeur doit dispenser à l'agent de l'Etat l'éducation en matière de santé et de sécurité au travail.

**Article 66: Equipements de protection contre les accidents**

L'Etat est tenu de mettre à la disposition de son agent, à son lieu de travail, les équipements de sécurité nécessaires et appropriés et de veiller à leur correcte utilisation. Il doit posséder les moyens de protection contre les accidents au lieu de travail.

**Article 67: Sécurité de l'agent de l'Etat**

L'Etat est tenu d'assurer à son agent, la protection contre toute forme de violence dont il peut être victime en raison de l'exercice de ses fonctions ou toutes les fois qu'il est évident

inshingano ze mu kazi.

**Ingingo ya 68: Inyubako n'ibikoresho bidahungabanya ubuzima bw'abakozi ba Leta**

Inyubako zikorerwamo zigomba kubahiriza amabwiriza yo kurinda ubuzima n'umutekano ku kazi.

Birabujijwe gutumiza, kumurika, kugurisha, gukodesha, gutanga ku buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa gukoresha ibyuma, imashini cyangwa bimwe mu byuma byayo byakozwe cyangwa byatumijwe hatubahirijwe amabwiriza y'ubuziranenge agamije kurinda ubuzima bw'abakozi ba Leta no gukumira impanuka.

Iteka rya Minisitiri rigena amabwiriza rusange n'ay'umwihariko yerekeye ubuzima bw'abakozi ba Leta, gukumira no kurinda impanuka ku kazi.

**Ingingo ya 69: Kuvuza umukozi wa Leta**

Leta yunganira umukozi wayo mu kwivuza, no kuvuza abandi yemererwa hakurikijwe amategeko abigenga.

obvious that the security threat is due to the fulfilment of his/her duties.

**Article 68: Premises and equipments not detrimental to the health of public servants**

Premises at the workplace shall comply with the safety and health standards.

It is forbidden to import, display, sell, lease out, give away under any circumstances or to use appliances, machines and parts of machines which were manufactured or imported contrary to standards aimed at ensuring protection of the health of public servants and the prevention of hazards.

A Ministerial Order shall determine general and specific instructions relating to health care of public servants, prevention and protection against hazards on workplace.

**Article 69: Healthcare of a public servant**

The Government shall provide a healthcare support to its employee and other people under his/her care in accordance with relevant laws.

qu'une menace sécuritaire dont il fait l'objet est liée à l'exercice de ses fonctions.

**Article 68: Locaux et équipements ne constituant aucun danger pour la santé des agents de l'Etat**

Les locaux affectés au service doivent satisfaire aux normes de sécurité et de santé.

Il est interdit d'importer, d'exposer, de mettre en vente, de louer, de céder à quelque titre que ce soit ou d'utiliser des appareils, des machines et éléments de machines qui ne sont pas fabriqués ou commandés dans des conditions assurant la sécurité et la santé des agents de l'Etat.

Un arrêté du Ministre détermine les conditions générales et particulières relatives à la santé des agents de l'Etat et à la prévention et la protection contre les accidents de travail.

**Article 69: Soins médicaux de l'agent de l'Etat**

L'Etat participe aux dépenses de son agent pour ses soins médicaux et des autres personnes à sa charge conformément aux dispositions légales en la matière.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Imenyekanisha ry'ibyago bikomoka ku kazi**

Umukoresha agomba kumenyesha ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda n'Umugenzuzi w'umurimo w'Akarere ikigo gikoreramo**,** mu gihe cy'iminsi (4) y'akazi, impanuka zose ziturutse ku kazi cyangwa indwara zikomoka ku kazi zagaragaye.

Iyo umukoresha adakoze imenyekanisha riteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bishobora gukorwa n'uwagize impanuka cyangwa uwarwaye cyangwa abo mu muryango we babifitiye uburenganzira mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye igihe impanuka yabereye cyangwa igihe indwara yagaragariye

Umukoresha ufite ikigo gikoresha imirimo ishobora gutera indwara zikomoka ku kazi, agomba kubimenyesha Umugenzuzi w'Umurimo n'ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda mbere y'uko atangiza iyo mirimo.

**<u>UMUTWE WA VI</u>: IBISABWA UMUKOZI WA LETA N'IBITABANGIKANA N'IMIRIMO YE**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ibisabwa umukozi wa Leta**

**<u>Ingingo ya 71</u>: Inshingano zifitanye isano no gutunganya umurimo**

**<u>Article 70</u>: Declaration of occupational hazards**

The employer shall declare to the Rwanda Social Security Board and the Inspector of labour in the District where the institution operates within four (4) working days of occurrence of all occupational hazards or occupational diseases noticed.

Where the employer does not make the declaration as provided for in Paragraph One of this Article, the person who is the victim of the occupational hazard or suffers from a disease or his/her legitimate representative may do it within a period not exceeding one (1) year from the date of occurrence of the occupational hazard.

Any employer whose institution may cause occupational disease shall inform the Inspector of labour and the Rwanda Social Security Board before the commencement of activities.

**<u>CHAPTER VI</u>: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AND INCOMPATIBILITIES**

**<u>Section One</u> : Obligations of a public servant**

**<u>Article 71</u>: Obligations related to discharge of duties**

**<u>Article 70</u>: Déclaration des accidents de travail**

L'employeur doit déclarer à l'Office Rwandais de Sécurité Sociale et à l'Inspecteur du Travail du District dans lequel l'institution travaille, dans un délai de quatre (4) jours ouvrables, tout accident de travail survenu ou toute maladie professionnelle constatée.

Au cas où l'employeur ne fait pas la déclaration prévue à l'alinéa premier du présent article, elle peut être faite par la victime de l'accident de travail ou la personne atteinte de la maladie ou ses ayants droit dans un délai ne dépassant pas une (1) année à compter de la date de la survenance de l'accident de travail ou de la maladie.

Tout employeur dont l'institution peut causer des maladies liées au travail doit informer l'Inspecteur du Travail et l'Office Rwandais de Sécurité Sociale avant de commencer ses activités.

**<u>CHAPITRE VI</u>: OBLIGATIONS DE L'AGENT DE L'ETAT ET INCOMPATIBILITES**

**<u>Section première</u>: Obligations de l'agent de l'Etat**

**<u>Article 71</u>: Obligations en rapport avec la prestation des services**

Umukozi wa Leta agomba gutunganya ubwe umurimo asabwa, kuwitaho buri gihe, gukorana ubupfura, kutagira aho abogamira, kubaha no kubahisha urwego akoramo, kubaha umutungo wa Leta, kwibwiriza no kwita ku bifitiye abaturarwanda akamaro.

Umukozi wa Leta kandi agomba kubahiriza amabwiriza yihariye cyangwa rusange arebana n'akazi ahabwa n'umukuriye mu kazi hakurikijwe amategeko.

**Ingingo ya 72: Kubungabunga umutungo wa Leta**

Umukozi wa Leta agomba kubungabunga umutungo wa Leta haba mu gihe cy'akazi cyangwa nyuma yaho, afatanya n'abandi mu icunga ryawo kugira ngo utangirika cyangwa ngo ugabizwe abandi.

**Ingingo ya 73: Ibanga ry'akazi**

Umukozi wa Leta agomba kugira ibanga ry'akazi, usibye mu bihe biteganywa n'amategeko cyangwa abiherewe uruhushya n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

A public servant shall be required to personally perform duties as required, devote him/herself to his/her work all the time with integrity and impartiality, respect and honour his/her institution, preserve public property, and have a sense of responsibility and public interest.

A public servant must respect the particular or general instructions given by his/her hierarchical superior in accordance with laws.

**Article 72: Preserving public property**

A public servant must preserve public property during and after working hours by contributing to its good management and protection against any destruction and despoliation.

**Article 73: Professional secrecy**

A public servant must keep professional secrecy, except in circumstances stipulated by the Law or while he/she is authorized by a competent authority.

L'agent de l'Etat est tenu d'assurer personnellement le service public à sa charge, de s'y consacrer en permanence avec probité et neutralité, de respecter et faire respecter son institution, respecter le patrimoine de l'Etat et d'avoir l'esprit d'initiative, et promouvoir l'intérêt général.

L'agent de l'Etat doit observer des instructions particulières ou générales données par son supérieur hiérarchique conformément aux lois.

**Article 72: Préserver la chose publique**

L'agent de l'Etat doit respecter les biens publics pendant et après les heures de service en apportant les soins nécessaires à sa bonne gestion et en la préservant contre toute destruction et spoliation.

**Article 73: Secret professionnel**

L'agent de l'Etat doit garder le secret professionnel, sauf dans les cas prévus par la loi ou lorsqu'il en est autorisé par l'autorité compétente.

**Ingingo ya 74: Imyitwarire y'umukozi wa Leta**

Iteka rya Perezida rishyiraho amategeko agenga imyitwarire y'abakozi ba Leta.

**Icyiciro cya 2: Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta**

**Ingingo ya 75: Imirimo umukozi wa Leta atemerewe**

Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta ni ibi bikurikira:

1° umwuga cyangwa ibikorwa ibyo ari byo byose by'ubucuruzi cyangwa by'inganda byabangamira imirimo ashinzwe;

2° kuba mu buyobozi buhoraho, mu butegetsi bw'isosiyete cyangwa ubw'ikigo icyo ari cyo cyose cy'ubucuruzi n'inganda igihe byabangamira imirimo ashinzwe. Icyakora ibyo ntibikurikizwa ku bahagarariye inyungu za Leta mu bigo byigenga;

3° kugira inyungu mu kigo ashinzwe kugenzura ubwe cyangwa gifite aho gihuriye na we, haba ku giti cye cyangwa yitwaje undi muntu, uko cyaba cyitwa kose, igihe izo nyungu zamutera kwica akazi ke cyangwa kumubuza ubwigenge no gukoresha ukuri n'ubutabera nta kubogama.

**Article 74: Professional conduct of a public servant**

A Presidential Order shall determine the professional code of ethics for public servants.

**Section 2: Incompatibilities with the status of a public servant**

**Article 75: Activities that a public servant is not allowed to carry out**

The following shall be incompatible with the status of a public servant :

1° a profession or any business or industrial activities that may likely be detrimental to the performance of his/her duties;

2° any participation in permanent leadership, administration of a company or any other commercial and industrial enterprise likely to be detrimental to the duties of the public servant. However, this shall not apply to those representing the Government interest in private enterprises.

3° having any interest in an enterprise under his/her direct control or one related to him/her, whether as an individual or through a proxy, under any title, in case such interest is likely to compromise with his/her duties or restrict his/her independence, truth, justice and objectivity.

**Article 74: Ethique professionnelle de l'agent de l'Etat**

Un arrêté présidentiel détermine le code d'éthique professionnelle des agents de l'Etat.

**Section 2: Incompatibilités avec la qualité de l'agent de l'Etat**

**Article 75: Activités interdites à l'agent de l'Etat**

Sont incompatibles avec la qualité de l'agent de l'Etat:

1° toute profession ou activité commerciale ou industrielle préjudiciable à l'accomplissement de ses fonctions;

2° toute participation à la direction de façon permanente, à l'administration d'une société ou toute autre entreprise commerciale et industrielle de nature à nuire à ses fonctions. Toutefois, cela ne s'applique pas aux agents qui représentent l'Etat dans des entreprises privées;

3° avoir, dans une entreprise soumise à son contrôle direct ou en relation avec lui, par lui-même ou par personne interposée, sous quelque dénomination que ce soit, des intérêts de nature à compromettre ou à restreindre l'indépendance, la vérité, la justice et l'objectivité de son action.

Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo bitabangamiye imirimo ashinzwe, umukozi wa Leta ashobora kugirana amasezerano y'akazi n'abandi bakoresha batandukanye, haba ari mu nzego z'imirimo ya Leta cyangwa se mu bikorera.

Icyakora, mbere yo gusinya ayo masezerano, umukozi wa Leta agomba kubanza kubyemererwa n'umukoresha we.

**<u>UMUTWE WA VII</u>: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI N'UBUJURIRE**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ibihano**

**<u>Ingingo ya 76</u>: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi**

Ibihano byo mu rwego rw'akazi bihabwa abakozi ba Leta biri mu nzego ebyiri (2). Ibihano byo mu rwego rwa mbere byerekeye amakosa yoroheje, naho ibyo mu rwego rwa kabiri byerekeye amakosa aremereye.
Urwego rwa mbere rugizwe n'ibihano bikurikira:

1° kwihanangirizwa;

2° kugawa.

Urwego rwa kabiri rugizwe n'ibihano bikurikira:

1° gukerererwa kuzamurwa mu ntera;

Subject to the provisions of Paragraph One of this Article, where unlikely to be detrimental to his/her duties, a public servant may sign employment contracts with different employers, whether in public or private sector.

However, before signing such contracts, the public servant shall be authorized by his/her employer.

**<u>CHAPTER VII</u>: ADMINISTRATIVE SANCTIONS AND APPEAL**

**<u>Section One</u>: Sanctions**

**<u>Article 76</u>: Categories of administrative sanctions**

Administrative sanctions shall be classified in two (2) categories. The first degree sanctions shall be imposed in case of minor faults and the second degree sanctions in case of serious faults.
The first degree shall be composed of the following sanctions:

1° warning;

2° reprimand.

The second degree shall be composed of the following sanctions:

1° delay in promotion;

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, si ceci n'est pas susceptible de nuire à ses fonctions, l'agent de l'Etat peut signer des contrats de travail avec des différents employeurs, dans le secteur public ou privé.

Toutefois, avant de signer ces contrats, l'agent de l'Etat doit en être autorisé par son employeur.

**<u>CHAPITRE VII</u>: SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET RECOURS**

**<u>Section première</u>: Sanctions**

**<u>Article 76</u>: Catégories des sanctions administratives**

Les sanctions administratives sont réparties en deux (2) catégories. Les sanctions du premier degré sont administrées pour les fautes légères alors que les sanctions du deuxième degré sont administrées pour les fautes lourdes.
Les sanctions du premier degré sont les suivantes:

1° avertissement;

2° blâme.

Les sanctions du deuxième degré sont les suivantes :

1° retard dans l'avancement;

2° guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa**;**

3° kwirukanwa burundu.

**Ingingo ya 77: Ikosa**

Igihe umukozi wa Leta adakoze ibyo ashinzwe cyangwa atubahirije ibyo asabwa biba ikosa rihanishwa kimwe mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 76 y'iri tegeko hakurikijwe uburemere bw'iryo kosa.

Uburyo bwo gukurikirana ikosa ry'umukozi no kumuhana, bikorwa mu nyandiko.

**Ingingo ya 78: Uburyozwe bw'ikosa n'uburyozwe bw'icyaha**

Igihano cy'umukozi wa Leta mu rwego rw'akazi ntikibangamira uburyozwe bw'icyaha n'igihano giteganywa n'amategeko ahana, ku buryo ikosa ry'umukozi wa Leta rishobora gukurikiranwa mu kazi no mu nkiko.

**Ingingo ya 79: Kwisobanura**

Nta kosa na rimwe umukozi wa Leta ashobora guhanirwa atabanje guhabwa umwanya wo kwisobanura mu nyandiko.

2° suspension from duties for a period not exceeding three (3) months without being paid;

3° dismissal.

**Article 77: Disciplinary fault**

If a public servant breaches or fails to comply with the obligations assigned to him/her, this shall constitute a disciplinary fault punishable by one of sanctions provided for in Article 76 of this Law in consideration of its seriousness.

Procedures for disciplinary action shall be done in writing.

**Article 78: Disciplinary liability and criminal liability**

The disciplinary sanction of a public servant shall be independent from criminal liability and punishment as provided by the criminal code to the extent that the same fault may cause both disciplinary procedure and criminal procedure.

**Article 79: Defence**

No public servant shall be sanctioned unless he/she has been given an opportunity to submit in writing his/her defence.

2° suspension des fonctions pour une période de trois (3) mois au maximum sans être payé;

3° révocation.

**Article 77: Faute disciplinaire**

Le manquement de l'agent de l'Etat aux obligations qui lui incombent, constitue une faute disciplinaire qui, suivant sa gravité, est sanctionnée par une des sanctions prévues à l'article 76 de la présente loi.

Toute action se rapportant à la procédure disciplinaire est faite par écrit.

**Article 78: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale**

La sanction disciplinaire est indépendante de la responsabilité pénale et de la répression prévue par la législation pénale à tel point qu'un même fait peut déclencher des poursuites disciplinaires et pénales.

**Article 79: Défense**

Aucune sanction disciplinaire ne peut être prise contre un agent de l'Etat sans que l'intéressé n'ait eu l'occasion de présenter par écrit sa défense.

**Ingingo ya 80: Ishyirwa mu bikorwa ry'igihano**

Nta gihano na kimwe gishobora gushyirwa mu bikorwa ikosa ritarahama nyir'ubwite.

**Ingingo ya 81: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi**

Ibihano byo mu rwego rwa mbere bitangwa n'umuyobozi ukuriye urwego umukozi akoramo, naho ibihano byo mu rwego rwa kabiri bitangwa n'uwamushyize mu mwanya amaze kugisha inama Minisitiri.

**Ingingo ya 82: Uburyo bw'imihanire y'abakozi ba Leta**

Iteka rya Perezida rigena uburyo bw'imihanire y'abakozi ba Leta.

**Icyiciro cya 2: Ubujurire**

**Ingingo ya 83: Uburenganzira bwo kujurira bw'umukozi wa Leta**

Umukozi wa Leta utemera igihano yahawe mu rwego rw'akazi, afite uburenganzira bwo kujuririra inzego z'ubuyobozi cyangwa inkiko.

